<u>Ingingo ya 13:</u> Kwinjiza mu Gihugu no kohereza mu mahanga imbuto	<u>Article 13:</u> Importation and exportation of seeds	<u>Article 13:</u> Importation et exportation des semences
UMUTWE WA V: GUTANGA IBYEMEZO BY'IMBUTO	CHAPTER V: SEED CERTIFICATION	CHAPITRE V: CERTIFICATION DES SEMENCES
<u>Ingingo ya 14:</u> Imirimo y'igenzurwa n'isuzumwa ry'imbutu	<u>Article 14:</u> Seed inspection and testing	<u>Article 14:</u> Inspection et analyse de semences
<u>Ingingo ya 15:</u> Itangwa ry'icyemezo cy'ubuziranenge bw'imbutu	<u>Article 15:</u> Granting of seed quality certificate	<u>Article 15:</u> Octroi de certificat de qualité des semences
<u>Ingingo ya 16:</u> Ububasha bw'ubugenzacyaha bw'umugenzuzi w'imbutu	<u>Article 16:</u> Powers of judicial police officer for a seed inspector	<u>Article 16:</u> Pouvoir d'officier de police judiciaire d'un inspecteur de semences

<u>Ingingo ya 17:</u> Imenyekanisha ry'ikigo cy'imbuto	<u>Article 17:</u> Declaration of a seed establishment	<u>Article 17:</u> Déclaration d'un établissement de semences
<u>Ingingo ya 18:</u> Igenzura ry'ikigo cy'imbuto	<u>Article 18:</u> Inspection of a seed establishment	<u>Article 18:</u> Inspection d'un établissement des semences
<u>Ingingo ya 19:</u> Isuzumwa ry'imbuto	<u>Article 19:</u> Seed testing	<u>Article 19:</u> Analyse des semences
<u>Ingingo ya 20:</u> Iyipimo ngenderwaho by'ubuziranenge bw'imbuto	<u>Article 20:</u> Seed quality standards	<u>Article 20:</u> Normes de la qualité des semences
<u>UMUTWE WA VI: KURINDA UBWOKO BUSHYA BW'IGIHINGWA N'UBURENGANZIRA BW'UMUSHAKASHATSI UKORA UBWOKO BW'IGIHINGWA</u>	<u>CHAPTER VI: PROTECTION OF A NEW PLANT VARIETY AND PLANT BREEDER'S RIGHTS</u>	<u>CHAPITRE VI: PROTECTION D'UNE NOUVELLE VARIÉTÉ VÉGÉTALE ET DES DROITS D'OBTENTEUR</u>
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Kurinda ubwoko bushya bw'igihingwa	<u>Section One:</u> Protection of a new plant variety	<u>Section première :</u> Protection d'une nouvelle variété végétale
<u>Ingingo ya 21:</u> Ubwoko bw'igihingwa bukenere kurindwa	<u>Article 21:</u> Plant variety to be protected	<u>Article 21:</u> Variété végétale devant être protégée
<u>Ingingo ya 22:</u> Ibisabwa kugira ngo ubwoko bw'igihingwa burindwe	<u>Article 22:</u> Conditions of plant variety protection	<u>Article 22:</u> Conditions de protection d'une variété végétale
<u>Ingingo ya 23:</u> Ibiranga ubushya bw'ubwoko bw'igihingwa	<u>Article 23:</u> Criteria of novelty of a plant variety	<u>Article 23:</u> Critères de nouveauté d'une variété végétale
<u>Ingingo ya 24:</u> Ibiranga ubudasa bw'ubwoko bw'igihingwa	<u>Article 24:</u> Criteria for distinctness for plant variety	<u>Article 24:</u> Critère distinctif d'une variété végétale
<u>Ingingo ya 25:</u> Ibiranga kugira imimerere imwe y'ubwoko bw'igihingwa	<u>Article 25:</u> Criteria for uniformity of plant variety	<u>Article 25:</u> Critères d'uniformité d'une variété végétale
<u>Ingingo ya 26:</u> Ibiranga kudahindagurika kw'imiterere	<u>Article 26:</u> Criteria for stability	<u>Article 26:</u> Critères de stabilité
<u>Icyiciro cya 2:</u> Uburenganzira bw'umushakashatsi ukora ubwoko bw'igihingwa	<u>Section 2:</u> Plant breeder's rights	<u>Section 2 :</u> Droits d'obteneur de variété végétale

<u>Ingingo ya 27:</u> Uburenganzira bw'umushakashatsi ukora ubwoko bw'igihingwa	<u>Article 27:</u> Plant breeder's rights	<u>Article 27:</u> Droits d'obtenteur de variété végétale
<u>Ingingo ya 28:</u> Kwandika, gutanga no kurinda uburenganzira bw'abashakashatsi	<u>Article 28:</u> Registration, granting and protection of the plant breeder's rights	<u>Article 28:</u> Enregistrer, octroyer et protéger les droits d'obtenteur de variété végétale
<u>Ingingo ya 29:</u> Ububasha bw'umwanditsi w'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora ubwoko bw'igihingwa	<u>Article 29:</u> Powers of the registrar of plant breeder's rights	<u>Article 29:</u> Pouvoirs du registraire des droits d'obtenteur de variété végétale
<u>Ingingo ya 30:</u> Igitabo cyandikwamo uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa	<u>Article 30:</u> Plant breeder's rights register	<u>Article 30:</u> Registre dans lequel sont inscrits les droits d'obtenteur de variété végétale
<u>Ingingo ya 31:</u> Ikoreshwa ry'igitabo cyandikwamo uburenganzira bw'umushakashatsi ukora ubwoko bw'ibihingwa	<u>Article 31:</u> Access to the plant breeder's rights register	<u>Article 31:</u> Accès au registre de droits d'obtenteur de variété végétale
<u>Ingingo ya 32:</u> Umushakashatsi wemerewe gusaba kurindirwa ubwoko bw'igihingwa	<u>Article 32:</u> Plant breeder's eligibility for plant variety protection	<u>Article 32:</u> Conditions d'éligibilité d'obtenteur de variété végétale à la demande de protection de variété végétale
<u>Ingingo ya 33:</u> Uburyo gusaba kurindirwa ubwoko bw'igihingwa bikorwa	<u>Article 33:</u> Modalities for application for plant variety protection	<u>Article 33:</u> Modalités de demande de protection d'une variété végétale
<u>Ingingo ya 34:</u> Gukoresha itariki y'ubusabe bwa mbere	<u>Article 34:</u> Use of prior date	<u>Article 34:</u> Utilisation de la date antérieure
<u>Ingingo ya 35:</u> Kurinda by'agateganyo ubwoko bw'igihingwa	<u>Article 35:</u> Provisional protection of plant variety	<u>Article 35:</u> Protection provisoire d'une variété végétale
<u>Ingingo ya 36:</u> Gutangaza amakuru	<u>Article 36:</u> Publication of information	<u>Article 36:</u> Publication d'information
<u>Ingingo ya 37:</u> Gutambamira ubusabe bw'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa	<u>Article 37:</u> Objection against application for the plant breeder's right	<u>Article 37:</u> Objection contre la demande du droit d'obtenteur de variété végétale

Ingingo ya 38: Gusuzuma ubudasa, kugira imimerere imwe no kudahindagurika mu miterere by'ubwoko bw'igihingwa cyasabiwe kurindwa

Ingingo ya 39: Kwemererwa cyangwa kutemererwa uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa

Ingingo ya 40: Aho uburenganzira bw'umushakashatsi wakoze ubwoko bw'igihingwa bukoreshwa

Ingingo ya 41: Irengayobora ku burenganzira bw'Umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa

Ingingo ya 42: Aho uburenganzira bw'Umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa burangirira

Ingingo ya 43: Ibyabangamira ikoresheya ry'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa

Ingingo ya 44: Igihe uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa bumara

Ingingo ya 45: Ibiranga izina rihabwa ubwoko bw'igihingwa

Ingingo ya 46: Gutesha agaciro uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa

Ingingo ya 47: Gusesa uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa

Ingingo ya 48: Gutanga no guhererekanya uburenganzira

Article 38: Test for distinctness, uniformity and stability of a variety under application for protection

Article 39: Granting or refusal of the plant breeders' right

Article 40: Scope of the plant breeder's right

Article 41: Exception to the plant breeder's right

Article 42: Exhaustion of the plant breeder's right

Article 43: Restrictions on the exercise of the plant breeder's right

Article 44: Duration of the plant breeder's right

Article 45: Plant variety denomination

Article 46: Nullity of the plant breeder's right

Article 47: Cancellation of the plant breeder's right

Article 48: Assignment and transfer of right

Article 38: Test de distinction, d'uniformité et de stabilité d'une variété faisant l'objet de la demande de protection

Article 39: Accorder ou refuser le droit d'obtenteur de variété végétale

Article 40: Champ d'application du droit d'obtenteur de variété végétale

Article 41: Exceptions au droit d'obtenteur de variété végétale

Article 42: Epuisement du droit d'obtenteur de variété végétale

Article 43: Limitations de l'exercice du droit d'obtenteur de variété végétale

Article 44: Durée du droit de l'obtenteur de variété végétale

Article 45: Dénomination de la variété végétale

Article 46: Nullité du droit d'obtenteur de variété végétale

Article 47: Annulation du droit de l'obtenteur de variété végétale

Article 48: Cession et transfert de droit

Ingingo ya 49: Kumenyesha iseswa cyangwa iteshwagaciro by'uburenganzira bw'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa

Ingingo ya 50: Gutakamba

UMUTWE WA VII: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 51: Kunyuranya n'ibiteganywa n'iri tegeko

Ingingo ya 52: Agaciro k'ibyakozwe

Ingingo ya 53: Igihe cy'inziacyuho

Ingingo ya 54: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Ingingo ya 55: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko

Ingingo ya 56: Igihe iri tegeko ritangirira gukurikizwa

Article 49: Notification of cancellation or nullification of the plant breeder's right

Article 50: Appeal

CHAPTER VII: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 51: Contravening provisions of this Law

Article 52: Validity of acts performed

Article 53: Transitional period

Article 54: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 55: Repealing provision

Article 56: Commencement

Article 49: Notification de l'annulation et nullité du droit d'obtenteur de variété végétale

Article 50: Recours

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES

Article 51: Violation des dispositions de la présente loi

Article 52: Validité des actes posés

Article 53 : Période transitoire

Article 54: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Article 55: Disposition abrogatoire

Article 56: Entrée en vigueur

ITEGEKO N°005/2016 RYO KU WA 05/04/2016 RIGENGA IMBUTO N'AMOKO Y'IBIHINGWA MU RWANDA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBLIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite mu nama yawo yo ku wa 05/02/2016;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 53, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 168 n'iya 176;

Ishingiye ku Masezerano ashiraho Isoko Rusange rihuriweho n'Ibihugu bya Afurika y'Iburasirazuba n'iy'Amajyepfo yashyiriweho umukono i Kampala muri Uganda kuwa 05 Ugushyingo 1993 yahamijwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 004/94 ryo kuwa 01 Ukuboza 1994;

Ishingiye ku Masezerano ashiraho Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba yashyiriweho umukono i Arusha muri Tanzaniya kuwa 30 Ugushyingo 1999 nk'uko yavuguruwe kugeza ubu;

LAW N°005/2016 OF 05/04/2016 GOVERNING SEEDS AND PLANT VARIETIES IN RWANDA

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 05/02/2016;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 168 and 176;

Pursuant to the Treaty for the Establishment of Common Market of Eastern and Southern Africa signed in Kampala, Uganda on 05 November 1993 ratified by Presidential Order n° 004/94 of 01 December 1994;

Pursuant to the Treaty for the establishment of the East African Community signed in Arusha, Tanzania on 30 November 1999 as amended to date;

LOI N°005/2016 DU 05/04/2016 REGISSANT LES SEMENCES ET LES VARIETES VEGETALES AU RWANDA

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 05/02/2016 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 168 and 176 ;

Vu le Traité portant création du Marché Commun de l'Afrique Orientale et Australe, signé le 05 novembre 1993 à Kampala en Uganda ratifié par l'Arrêté Présidentiel n° 004/94 du 01 décembre 1994;

Vu le Traité portant création de la Communauté de l'Afrique de l'Est signé à Arusha en Tanzanie le 30 novembre 1999 tel que révisé à ce jour;

Official Gazette n° Special of 20/04/2016

Ishingiye ku Masezerano yerekeye iyinjizwa rya Repubulika y'u Rwanda mu Muryango w'Afurika y'Iburasirazuba, yashyiriweho umukono i Kampala kuwa 18 Kamena 2007, yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 24/01 ryo kuwa 28/06/2007;

Ishingiye ku Masezerano mpuzamahanga yo kurengera ibimera yashyizweho umukono i Roma kuwa 26/08/2008 hagati ya Repubulika y'u Rwanda n'Umuryango Mpuzamahanga ugamije kurengera ibimera yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 28/01 ryo ku wa 09/07/2012;

Ishingiye ku Itegeko n° 31/2009 ryo ku wa 26 Ukwakira 2009, rigamije kurengera Umutungo Bwite mu by'Ubwenge, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 289;

Isubiye ku Itegeko n°14/2003 ryo kuwa 23/05/2003 ryerekeye Ituburwa, Igenzurwa n'Icuruzwa ry'Imbutu nziza z'ibihingwa;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigenga imbutu n'amoko y'ibihingwa mu Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

Pursuant to the Treaty of accession of the Republic of Rwanda to the East African Community, signed in Kampala, Uganda, on 18 June 2007 as ratified by Presidential Order n° 24/01 of 28/06/2007;

Pursuant to the International Plant Protection Convention signed in Rome on 26/08/2008 between the Republic of Rwanda and the International Plant Protection Organization ratified by Presidential Order n° 28/01 of 09/07/2012;

Pursuant to Law n° 31/2009 of 26/10/2009 on the protection of intellectual property, especially in article 289;

Having reviewed Law n° 14/2003 of 23/05/2003 on production, quality control and commercialization of plant quality seeds;

ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law governs seeds and plant varieties in Rwanda.

Article 2: Definitions of terms

For the purpose of this Law, the following terms have the following meanings:

Vu le Traité d'adhésion de la République du Rwanda à la Communauté de l'Afrique de l'Est, signé à Kampala en Ouganda le 18 juin 2007 tel que ratifié par l'Arrêté Présidentiel n° 24/01 du 28/06/2007;

Vu la Convention Internationale pour la Protection des Végétaux signée à Rome le 26/08/2008 entre la République du Rwanda et l'Organisation Internationale pour la protection des Végétaux telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 28/01 du 09/07/2012;

Vu la Loi n° 31/2009 du 26/10/2009 portant protection de la propriété intellectuelle, spécialement en son article 289;

Revu la Loi n° 14/2003 du 23/05/2003 portant sur la production, le contrôle de qualité et la commercialisation des semences végétales;

ADOPTE:

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi régit les semences et les variétés végétales au Rwanda.

Article 2: Définitions des termes

Au sens de la présente loi, les termes suivants ont les significations suivantes:

Official Gazette n° Special of 20/04/2016

- 1° **gutunganya imbuto:** gusukura, gutoranya cyangwa gushyira imbuto mu byiciro binyuranye hagamijwe kongera ubuziranenge bwazo;
- 2° **igipfunyika:** ikintu gikoreshejwe mu gutwara, kubika, kurinda cyangwa gucunga imbuto;
- 3° **ikigo cy'imbuto:** isambu, umurima, ubuhunikiro, uruganda cyangwa inyubako bituburirwamo, bitunganyirizwamo cyangwa bigurirwamo imbuto;
- 4° **ikigo cyemewe gitanga icyemezo:** ikigo cyemewe mu gihugu gitanga ibyemezo by'imbuto hakurikijwe amategeko abigenga;
- 5° **ikirango:** igisobanuro icyo ari cyo cyose, ijambo, ikimenyetso cyangwa igishushanyo gishyizwe cyangwa cyometse ku gipfunyika cy'imbuto, gishyizwemo cyangwa se kigiherekeje hakurikijwe amategeko abigenga;
- 6° **imbuto:** igihingwa cyangwa igice cy'igihingwa gikoreshwa cyangwa kigenewe gukoreshwa mu gutubura icyo gihingwa, harimo intete, umurama, ingemwe, inguri, ingeri, umushibuka, umuzi, umugozi, ijisho, igihimba, ikimera cyakira ikindi, umubyare cyangwa ibijumba byakoreshejwe mu gutubura igihingwa cyangwa bigenewe gukoreshwa bityo;
- 7° **imbuto fatizo:** imbuto ikomoka ku mbuto remezo yatubuwe hakurikijwe amabwiriza y'uwakoze ubwoko bw'igihingwa cyangwa undi muntu yahaye uruhushya rwo kumuhagararira;
- 1° **seed processing:** cleaning, sorting or grading of seed in order to improve the quality;
- 2° **packaging:** material used to transport, keep, protect or monitor seed;
- 3° **seed establishment:** farm, field, warehouse, factory or any building where seed is produced, processed or sold;
- 4° **seed certification agency:** recognised agency in a country responsible for the certification of seed according to the relevant laws;
- 5° **label:** any legend, word, mark or design applied or attached to, included in, or accompanying any package of seeds in accordance with the relevant laws;
- 6° **seed:** plant or part of a plant which is or is intended to be used for propagation of a plant including, a grain, scions, seedling, corm, cutting, shoot, root, runner, node, stem, stock, banana pup or tubers which were used for propagation of a plant or are intended to be used as such;
- 7° **pre-basic seed:** seed of the generation directly derived from breeder seed under the direct control of the plant breeder or his duly accredited representative;
- 1° **conditionnement des semences:** nettoyage, triage, catégorisation des semences afin d'en améliorer la qualité;
- 2° **emballage:** matériel utilisé pour transporter, conserver, protéger ou surveiller une semence;
- 3° **établissement de semences:** champ agricole, terrain, entrepôt, usine ou bâtiment où les semences sont produites, conditionnées ou vendues;
- 4° **agence de certification agréée:** agence agréée dans un pays chargée de la certification de semence conformément aux lois en la matière;
- 5° **étiquette:** toute légende, mot, symbole ou dessin appliqué ou inclus, ou accompagnant un emballage de semences conformément aux lois en la matière;
- 6° **semence:** plante ou partie d'une plante utilisée ou destinée à être utilisée pour la propagation de cette plante et qui comprend une graine, scions, semis, rhizome, bouture, pousse, racine, stolon, nœud, tige, porte-greffe, rejet de bananier ou tubercules qui étaient utilisés pour la propagation d'une plante ou destinés à être utilisés comme telle;
- 7° **semence de pré-base:** semence issue de la multiplication de semence de souche et qui est produite sous le contrôle direct de l'obteneur de variété végétale ou son représentant dûment accrédité;

Official Gazette n° Special of 20/04/2016

- 8° **imbuto ifite icyemezo:** imbuto ikomoka ku ituburwa ry'imbuto shingiro yahawe icyemezo cy'ubwiza binyuze mu nzira yemewe n'amategeko yo kwemeza imbuto;
- 8° **certified seed:** seed from the multiplication of basic seed whose quality has been approved through a legally recognized certification process;
- 8° **semence certifiée:** semence issue de la multiplication de semence de base dont la qualité a été approuvée suivant la procédure de certification légalement reconnue;
- 9° **imbuto nziza:** imbuto yagenzuwe n'umuntu ubifitiye ububasha, yatunganyijwe kandi yujuje ibipimo by'ubuziranenge biteganywa n'iri tegeko;
- 9° **quality seed:** seed inspected by a competent person, processed and which is in conformity with quality standards prescribed by this Law;
- 9° **semence de qualité:** semence inspectée par une personne compétente, conditionnée et qui est en conformité avec les normes de qualité prévues par la présente loi ;
- 10° **imbuto remezo:** imbuto ikurikiranirwa hafi n'umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa hakurikijwe amahame y'ubushakashatsi ikaba ariyo ikomokaho ibindi byiciro byose by'imbuto;
- 10° **breeder seed:** seed directly controlled by the plant breeder whose production complies with the plant breeding principles from which all other seed classes are produced;
- 10° **semence de souche:** semence directement contrôlée par l'obtenteur dont la production se fait conformément aux principes de recherche, à partir de laquelle sont produites les autres catégories de semences;
- 11° **imbuto shingiro:** imbuto yemewe, ikomoka ku mbuto fatizo, yatubuwe n'abatubuzi babihereye uruhushya n'Urwego rubifitiye ububasha;
- 11° **basic seed:** approved progeny of pre-basic seed produced by seed growers authorised by the competent authority;
- 11° **semence de base:** descendance approuvée de semences de pré-base produites par des producteurs de semences agréés par l'autorité compétente;
- 12° **imbuto yemewe:** imbuto iri muri kimwe mu byiciro by'imbuto zemewe gucuruzwa mu Rwanda;
- 12° **prescribed seed:** seed that falls in any of the categories acceptable for sale in Rwanda;
- 12° **semence prescrite:** semence appartenant à l'une des catégories acceptées pour la commercialisation au Rwanda;
- 13° **imbuto zifite ubwiza bwemejwe:** imbuto ikomoka ku mbuto shingiro cyangwa ku mbuto ifite ubwiza bwemewe, zimenyekanishwa n'uwazitubuye ko zujuje ibisabwa mu mabwiriza y'ubutubuzi bw'imbuto, zikemezwa n'inzego zibishinzwe zimaze kuzikorera ubugenzuzi;
- 13° **quality declared seed:** seed produced from basic or certified seed, declared by the producer as being in conformity with technical, identity and quality standards governing seed production and approved by the competent authority after the verification of the quality;
- 13° **semences de qualité déclarée:** semence issue de semence de base ou de semence certifiée, déclarée par le producteur comme étant en conformité avec les normes techniques, l'identité et les normes de qualité régissant la production de semences et approuvées par l'autorité compétente après la vérification de cette qualité;
- 14° **izina:** inyito yahawe ubwoko bw'igihingwa;
- 14° **denomination:** generic designation of a plant variety;
- 14° **dénomination:** nom générique d'une variété végétale;

Official Gazette n° Special of 20/04/2016

- 15° **Minisitiri:** Minisitiri ufite Ubuhinzi mu nshingano ze;
- 16° **ubwoko bw'igihingwa:** itsinda ry'ibihingwa biri mu muryango umwe w'ibimera, bigatandukanywa n'imiterere igaragara cyangwa yihishe muri kamere, iyo ibyo bihingwa babiteye bifashishije intete, umurama, igihingwa cyangwa se agace kacyo bigumana ibibiranga byihariye;
- 17° **umucuruzi w'imbutu:** umuntu wemerewe gukora nibura umwe mu mirimo ijyanye no gutubura imbutu, kuzitunganya, kuzicuruza no gupima ubwiza bwazo muri laboratwari hakurikijwe amategeko abigenga;
- 18° **umugenzuzi w'imbutu:** umukozi ukora mu rwego rushinzwe kugenzura imirima y'imbutu no gufata ingero z'imbutu zo gupima hakurikijwe amategeko abigenga;
- 19° **umuhinzi muto:** umuhinzi ufite ubutaka butarenze hegitari imwe;
- 20° **umuntu:** umuntu ku giti cye, itsinda ry'abantu, ikigo, isosiyeti cyangwa ishyirahamwe bikora imirimo ijyanye n'imbutu n'amoko y'ibihingwa;
- 21° **umushakashatsi ukora amoko y'ibihingwa:** umuntu wakoze ubwoko bushya bw'igihingwa, umukoresha we cyangwa uwo yeguriye uburenganzira kuri ubwo bwoko bw'igihingwa;
- 15° **Minister:** Minister in charge of Agriculture;
- 16° **plant variety:** a collection of plants which distinguish themselves from other plants or their own species by morphological, physiological, cytological, chemical or any other characteristics and which in the case of sexual or asexual reproduction, conserve their distinctive characters;
- 17° **seed dealer:** a person licenced to engage in the business of seed production, conditioning or marketing and selling as well as testing seeds in laboratories in accordance with relevant laws;
- 18° **seed inspector:** official belonging to a quality control department responsible for performing field control and sampling of seeds in accordance with relevant laws;
- 19° **small-holder farmer:** a farmer who possesses a land whose size is equal or less than one hectare;
- 20° **person:** individual, group of people, corporation, company or association carrying out activities linked with seeds and plant varieties;
- 21° **plant breeder:** a person who developed a plant variety, his/her employer or successor in title;
- 15° **Ministre:** Ministre ayant l'agriculture dans ses attributions;
- 16° **variété végétale:** ensemble des plantes appartenant à une même famille, qui se distinguent des autres plantes de leur espèce par des caractères d'ordre physiologique, cytologique, chimique, lorsqu'elles font l'objet d'une reproduction sexuée ou asexuée, elles conservent leurs caractères distinctifs;
- 17° **prestataire des services de semences:** personne autorisée à s'engager dans les activités de production de semences, de conditionnement ou commercialisation de semences ainsi que dans les activités d'analyse de semences dans de laboratoires conformément aux lois en la matière;
- 18° **inspecteur des semences:** agent appartenant à un département de contrôle de la qualité chargé d'effectuer le contrôle de champs, l'échantillonnage des semences conformément aux lois en la matière;
- 19° **petit exploitant agricole:** exploitant agricole qui possède un champ dont la superficie est inférieure ou égale à un hectare;
- 20° **personne:** personne physique, groupe de personnes, entreprise, société ou association s'occupant des activités relatives aux semences et variétés végétales;
- 21° **obteneur de variété végétale:** personne qui a mis au point une nouvelle variété, son employeur ou son successeur en titre;

22° **umutubuzi w'imbuto:** umuntu utubura imbuto wahawe uburenganzira n'urwego rubifitiye ububasha kandi hakurikijwe ibipimo byashyizweho n'itegeko ribigenga;

23° **usuzuma:** umuntu ufite ubumenyi kandi washyiriweho gusuzuma ingero z'imbuto hakurikijwe amategeko abigenga;

24° **utunganya imbuto:** umuntu ubitifiye uburenganzira, ushinzwe imirimo yo gusukura imbuto, guhungira n'indi mirimo yo gufata neza imbuto zigenewe gukoreshwa cyangwa kugurishwa.

22° **seed producer:** any person approved by the relevant authority to produce seeds according to the standards set by relevant law;

23° **analyst:** a person qualified and designated to analyse seed samples according to relevant laws;

24° **seed conditioner:** a person authorized to deal with the business of cleaning, treating or otherwise conditioning seeds intended for use or sale.

22° **producteur de semences:** personne agréée par l'autorité compétente pour produire des semences conformément aux normes fixées par la loi en la matière;

23° **analyste:** personne qualifiée et désignée pour analyser les échantillons de semences conformément aux lois en la matière;

24° **conditionneur des semences:** personne autorisée à s'impliquer dans les activités de nettoyage, de traitement ou dans toute autre opération de conditionnement de semences destinées à l'usage ou la vente.

UMUTWE WA II: GUSUZUMA, KWEMEZA NO KWANDIKA AMOKO Y'IBIHINGWA

Ingingo ya 3: Komite ishinzwe gusuzuma, kwemeza no kwandika amoko y'ibihingwa

Hashyizweho Komite ishinzwe gusuzuma, kwemeza, kwandika amoko y'ibihingwa no kuyakura ku rutonde.

Iteka rya Minisitiri rigena imiterere n'imikorere byayo.

Ingingo ya 4: Uburyo bwo gusuzuma, kwemeza, kwandika no gukura ubwoko bw'igihingwa ku rutonde rw'Igihugu rw'amoko y'ibihingwa

Umuntu wese ushaka ko ubwoko bushya bw'ibihingwa busuzumwa, bwemezwa kandi bwandikwa ku rutonde

CHAPTER II: PLANT VARIETY EVALUATION, CERTIFICATION AND REGISTRATION

Article 3: Plant variety evaluation, certification and registration Committee

There is established a Committee responsible for evaluation, certification and registration of plant varieties and their withdrawal from the list.

A ministerial Order determines its organisation and functioning.

Article 4: Procedures for evaluation, certification, registration and withdrawal of a plant variety from the national plant variety list

Any person wishing to have the new plant variety evaluated, certified and registered on the national plant

CHAPITRE II: EVALUATION, HOMOLOGATION ET ENREGISTREMENT DES VARIETES VEGETALES

Article 3: Comité d'évaluation, d'homologation et d'enregistrement des variétés végétales

Il est créé un Comité d'évaluation, d'homologation, d'enregistrement des variétés végétales et de leur retrait de la liste.

Un arrêté ministériel détermine son organisation et son fonctionnement.

Article 4: Procédures d'évaluation, d'homologation, d'enregistrement et de retrait de variétés végétales au catalogue national des variétés végétales

Toute personne qui souhaite qu'une nouvelle variété végétale soit évaluée, homologuée et enregistrée au

Official Gazette n° Special of 20/04/2016

rw'amoko y'ibihingwa yemewe mu gihugu abisaba komite ibishinzwe.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo isuzuma iyemezwa n'iyandikwa ry'amoko y'ibihingwa bikorwa. Rigena kandi uburyo amoko y'ibihingwa yemejwe akurwa ku rutonde.

Ingingo ya 5: Urutonde rw'Igihugu rw'amoko y'ibihingwa

Buri mwaka, amoko y'ibihingwa yemewe ashirwa ku rutonde rwabugenewe rutangazwa na Minisitiri mu Igazeti ya Leta.

Iteka rya Minisitiri rigena imiterere yarwo.

Ingingo ya 6: Ishyirwaho ry'umwanditsi w'amoko y'ibihingwa

Urwego rufite mu nshingano ibijyanye no gutanga ibyemezo by'imbutu rushyiraho umwanditsi w'amoko y'ibihingwa.

Ingingo ya 7: Ububasha bw'ubugenzacyaha bw'umwanditsi w'amoko y'ibihingwa

Umwanditsi w'amoko y'ibihingwa ahabwa ububasha bw'ubugenzacyaha na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

variety list submits an application to the competent committee.

A ministerial Order determines the procedures for evaluation, certification and registration of plant varieties. It also determines procedures for the withdrawal of certified plant varieties from the list.

Article 5: National plant variety list

Each year, certified plant varieties are registered on a list provided for that purpose which is published by the Minister in the Official Gazette.

A ministerial Order determines its format.

Article 6: Appointment of a plant variety registrar

The seed certification authority appoints a plant variety registrar.

Article 7: Plant variety registrar's powers of judicial police officer

The plant variety registrar is granted powers of Judicial Police Officer by the Minister in charge of justice.

catalogue national de variétés végétales en fait la demande auprès du comité habilité.

Un arrêté ministériel détermine les procédures d'évaluation, d'homologation et d'enregistrement des variétés végétales. Il détermine également les procédures de retrait d'une variété au catalogue des variétés végétales.

Article 5: Catalogue national des variétés végétales

Chaque année, les variétés végétales homologuées sont enregistrées au catalogue prévu à cet effet publié au Journal Officiel par le Ministre.

Un arrêté ministériel détermine sa forme.

Article 6: Nomination du registraire des variétés végétales

L'organe de certification des semences nomme un registraire des variétés végétales.

Article 7: Pouvoirs d'officier de police judiciaire du registraire des variétés végétales

Le registraire des variétés végétales reçoit du Ministre ayant la justice dans ses attributions les pouvoirs d'officier de police judiciaire.

**UMUTWE WA III: GUTUBURA, GUTUNGANYA
NO GUCURUZA IMBUTO NZIZA**

**CHAPTER III: QUALITY SEED PRODUCTION,
PROCESSING AND MARKETING**

**CHAPITRE III: PRODUCTION,
CONDITIONNEMENT ET COMMERCIALISATION
DES SEMENCES DE QUALITE**

Ingingo ya 8: Ituburwa ry'imbutu nziza

Ituburwa ry'imbutu nziza rikorwa n'umutubuzi w'imbutu wabiherewe uruhushya kandi uri ku rutonde rw'abatubuzi b'imbutu bemewe.

Article 8: Quality seed production

Quality seed production is carried out by a seed producer authorized to do so, and is registered on the list of recognized seed producers.

Article 8: Production des semences de qualité

La production des semences de qualité est effectuée par un producteur de semences autorisé à le faire et enregistré sur la liste des producteurs agréés.

Ingingo ya 9: Itunganywa ry'imbutu nziza

Imbutu nziza zigomba kuba zitunganyijwe kandi zipfunyitse neza.

Article 9: Quality seed processing

Quality seeds must be well processed and packed in a sealed container.

Article 9: Conditionnement des semences de qualité

Les semences de qualité doivent être bien traitées et emballées dans un conteneur scellé.

Igipfunyika cy'imbutu nziza kigomba kuba kiriho ikirango cyazo.

Quality seed packaging must be labelled.

L'emballage des semences de qualité doit être étiqueté.

Iteka rya Minisitiri rigena ibirango by'imbutu n'ibigomba kugaragara ku kirango no ku gipfunyika cy'imbutu nziza.

A ministerial Order determines the information that a quality seed label and container has to bear.

Un arrêté ministériel détermine les renseignements qui doivent figurer sur l'étiquette et le contenant des semences de qualité.

Ingingo ya 10: Icuruzwa ry'imbutu nziza

Icuruzwa ry'imbutu nziza rikorwa n'umuntu ubifitiye uruhushya kandi wanditswe ku rutonde rw'abacuruza imbutu nziza bemewe.

Article 10: Quality seed marketing

Quality seed marketing is be carried out by a person authorized to do so and who is registered on the list of recognized seed dealers.

Article 10: Commercialisation des semences de qualité

La commercialisation des semences de qualité est effectuée par la personne qui en a l'autorisation et qui figure sur la liste des prestataires des services de semences agréés.

Imbutu z'ubwoko bw'igihingwa bwanditse ku rutonde rw'amoko y'ibihingwa yemewe mu Rwanda nizo zonyine zicuruzwa nk'imbutu nziza.

Quality seed marketing applies only to those plant varieties that are entered on the national plant variety list.

Sont commercialisées seules les semences de qualité des variétés végétales enregistrées au catalogue national de variétés végétales.

Ingingo ya 11: Ibisabwa umutubuzi, utunganya n'umucuruzi w'imbutu nziza

Umutubuzi, utunganya n'umucuruzi w'imbutu nziza agomba kuba yujuje ibisabwa.

Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gutubura, gutunganya cyangwa gucuruza imbutu nziza.

Ingingo ya 12: Ibyiciro by'imbutu byemewe

Ibyiciro by'imbutu byemewe ni ibi bikurikira:

- 1° imbutu fatizo;
- 2° imbutu shingiro;
- 3° imbutu ifite icyemezo;
- 4° imbutu ifite ubwiza bwemewe.

Iteka rya Minisitiri rigena ibipimo ngenderwaho mu gushyira imbutu mu cyiciro. Rigena kandi amabara y'ibirango bya buri cyiciro.

UMUTWE WA IV: KWINJIZA MU GIHUGU NO KOHEREZA IMBUTO MU MAHANGA

Ingingo ya 13: Kwinjiza mu Gihugu no kohereza mu mahanga imbutu

Kwinjiza mu Gihugu no kohereza mu mahanga imbutu, bikorwa n'umuntu ufite uburenganzira bwo gucuruza

Article 11: Requirements for quality seed producer, conditioner and dealer

Any quality seed producer, conditioner and dealer must meet the prescribed requirements.

A ministerial Order determines the requirements for a person to be authorized to become a quality seed producer, conditioner or dealer.

Article 12: Recognized seed categories

Recognized Seed categories are the following:

- 1° pre-basic seed;
- 2° basic seed;
- 3° certified seed;
- 4° quality declared seed.

A ministerial Order determines the criteria for putting seed varieties in categories. It also determines the colours of the labels for each category.

CHAPTER IV: IMPORTATION AND EXPORTATION OF SEEDS

Article 13: Importation and exportation of seeds

Importation and exportation of seeds are carried out by a seed dealer who has been authorized to do so by the

Article 11: Conditions exigées au producteur, conditionneur et au prestataire des services de semences de qualité

Tout producteur, conditionneur et prestataire des services de semences de qualité doit remplir les conditions exigées.

Un arrêté ministériel détermine les conditions à remplir pour avoir l'autorisation de producteur, conditionneur ou de prestataire des services de semences de qualité.

Article 12: Catégories de semences reconnues

Les catégories de semences reconnues sont les suivantes:

- 1° semence de pré- base;
- 2° semence de base;
- 3° semence certifiée;
- 4° semence de qualité déclarée.

Un arrêté ministériel détermine les critères de classement des semences dans des catégories. Il détermine également les couleurs des étiquettes pour chaque catégorie.

CHAPITRE IV: IMPORTATION ET EXPORTATION DES SEMENCES

Article 13: Importation et exportation des semences

L'importation et l'exportation des semences sont effectuées par un prestataire des services de semences autorisé et qui

imbuto kandi wabiherewe uruhushya n'urwego rufite mu nshingano zarwo gutanga ibyemezo byo kwinjiza ibimera mu Rwanda no kubyohereza mu mahanga.

Imbuto zifashishwa mu rwego rw'ubushakashatsi, zishobora kwinjizwa mu Gihugu cyangwa koherezwa mu mahanga zimaze gutangirwa uruhushya n'urwego rufite mu nshingano zarwo gutanga ibyemezo byo kwinjiza ibimera mu Rwanda no kubyohereza mu mahanga.

Undi muntu wifuzaga kwinjiza imbuto nke atagamije kuzicuruza cyangwa kuzigeza ku bahinzi, nawe ashobora gusaba uruhushya rwo kuzinjiza mu gihugu akaruhabwa hakurikijwe ibisabwa.

Imbuto zinjiye mu Gihugu zitujwe ibisabwa zisubizwa aho zaturutse cyangwa zigasenywa. Ikiguzi cy'isenya cyishyurwa na nyirazo.

Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa kugira ngo umuntu ahabwe uruhushya rwo kwinjiza mu Gihugu no kohereza imbuto mu mahanga.

UMUTWE WA V: GUTANGA IBYEMEZO BY'IMBUTO

Ingingo ya 14: Imirimo y'igenzurwa n'isuzumwa ry'imbuto

Imirimo y'igenzurwa n'isuzumwa by'imbuto ikorwa n'abagenzuzi n'abasuzumyi b'imbuto.

authority in charge of granting license for importation and exportation of plants in Rwanda.

Seeds for research purposes may be imported or exported subject to a license that is granted by the authority in charge of granting license for importation and exportation of plants in Rwanda.

Any other person wishing to import certain kinds of seeds for neither sale nor distribution purposes, may also apply for the licence of importing seeds, which he or she is granted on specified requirements.

Seeds that have been imported contrary to the requirements are returned to the country of origin or be destroyed. The cost of destruction is met by the importer.

A ministerial Order determines the requirements for a person to be granted a license for importing and exporting seeds.

CHAPTER V: SEED CERTIFICATION

Article 14: Seed inspection and testing

Seed inspection and testing are carried out by seed inspectors and seed analysts.

en a obtenu l'autorisation délivrée par l'autorité chargée de l'octroi de licence d'importation et d'exportation des plantes au Rwanda.

L'importation ou l'exportation de semences pour des raisons de recherche peut se faire moyennant l'obtention d'une licence délivrée par l'autorité chargée de l'octroi de licence d'importation et d'exportation des plantes au Rwanda.

Toute autre personne désirant importer certaines semences sans intention de les vendre ou de les distribuer peut demander l'autorisation de les importer sur base des conditions prescrites.

Les semences importées en violation des conditions exigées sont renvoyées dans le pays d'origine ou détruites. Le coût de destruction est à la charge de l'importateur.

Un arrêté ministériel détermine les conditions d'octroi de licence d'importation et d'exportation de semences.

CHAPITRE V: CERTIFICATION DES SEMENCES

Article 14: Inspection et analyse de semences

L'inspection et l'analyse de semences sont effectuées par les inspecteurs et les analystes de semences.

Ingingo ya 15: Itangwa ry'icyemezo cy'ubuziranenge bw'imbutu

Imbutu zituburwa cyangwa izicuruzwa zigomba kuba zifite icyemezo cy'ubuziranenge bw'imbutu gitangwa n'urwego rufite mu nshingano zarwo gutanga ibyemezo byo kwinjiza ibimera mu Rwanda no kubyohereza mu mahanga.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo igenzurwa ry'imbutu n'itangwa ry'ibyemezo by'ubuziranenge bw'imbutu bikorwa.

Ingingo ya 16: Ububasha bw'ubugenzacyaha bw'umugenzuzi w'imbutu

Umugenzuzi w'imbutu ahabwa ububasha bw'ubugenzacyaha na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

Ingingo ya 17: Imenyekanisha ry'ikigo cy'imbutu

Utubura, ucuruza n'utunganya imbutu amenyesha mu nyandiko urwego rufite mu nshingano zarwo gutanga ibyemezo byo kwinjiza ibimera mu Rwanda no kubyohereza mu mahanga aho akorera n'ahandi hose afite ububiko kugira ngo hakorerwe igenzurwa.

Ingingo ya 18: Igenzura ry'ikigo cy'imbutu

Ikigo cy'imbutu cyagaragajwe kigenzurwa n'umugenzuzi w'imbutu ubifitiye ububasha.

Article 15: Granting of seed quality certificate

Seeds that are produced or sold must have a seed quality certificate granted by the authority in charge of granting licenses for importation and exportation of plants in Rwanda.

A ministerial Order determines the procedures for seed inspection and granting of seed quality certificates.

Article 16: Powers of judicial police officer for a seed inspector

A seed inspector is granted powers of a Judicial Police Officer by the Minister in charge of justice.

Article 17: Declaration of a seed establishment

A person producing, selling and processing seeds, for inspection purposes, declares in writing his or her establishment or warehouse to the authority in charge of granting permit for importing and exporting plants in Rwanda.

Article 18: Inspection of a seed establishment

A declared seed establishment is inspected by a competent seed inspector.

Article 15: Octroi de certificat de qualité des semences

Les semences produites ou commercialisées doivent avoir un certificat de la qualité des semences délivré par l'autorité chargée d'octroi de licences d'importation et d'exportation des plantes au Rwanda.

Un arrêté ministériel détermine les procédures de vérification de semences et d'octroi de certificats de la qualité des semences.

Article 16: Pouvoir d'officier de police judiciaire d'un inspecteur de semences

Un inspecteur de semences reçoit du Ministre ayant la justice dans ses attributions les pouvoirs d'officier de police judiciaire.

Article 17: Déclaration d'un établissement de semences

Le producteur, prestataire des services de semences ou le conditionneur de semences doit, pour des raisons d'inspection, déclarer par écrit à l'autorité chargée d'autoriser l'importation et l'exportation des plantes au Rwanda, son établissement ou ses entrepôts.

Article 18: Inspection d'un établissement des semences

L'inspection d'un établissement des semences déclaré est effectuée par un inspecteur de semences compétent.

Ingingo ya 19: Isuzumwa ry'imbutu

Imbutu zose zisabirwa icyemezo zisuzumwa muri laboratwari yemewe.

Iteka rya Minisitiri rigena ibishingirwaho kugira ngo laboratwari isuzumirwamo imbutu yemerwe.

Ingingo ya 20: Ibipimo ngenderwaho by'ubuziranenge bw'imbutu

Urwego rubifitiye ububasha rugena ibipimo ngenderwaho mu igenzura ry'imbutu mu mirima, mu ifata ry'ingero n'isuzumwa muri laboratwari.

Icyakora, imbutu zidatuburirwa mu Rwanda zemererwa kwinjira mu gihugu iyo zifite ibyemezo byatanzwe n'igihugu gikoresha ibipimo ngenderwaho bingana cyangwa biri hejuru y'iby'u Rwanda kandi byemewe ku rwego mpuzamahanga.

Izo mbuto zigomba gukorerwa igenzura hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko. Iryo genzura ryishyurwa n'uwatumije imbutu mu mahanga.

Mu bihe bidasanze, bituma imbutu zibura mu gihugu, Minisitiri afite uburenganzira bwo kwemera ikoresha ry'imbutu zifite ibipimo biri muni y'ibiteganywa n'amategeko.

